*Nzeri 2025* *ikinyarwanda*

# Gira umwete!

**Sangiza abandi iby'ukwizera kuguhora ku mutima!** (reba. 1 Petr 3,15)

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: m.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Muri uyu mwaka mutagatifu, Papa Fransiskusi aduhamagarariмо kuba intumwa z'ukwizera, Xhesilda, ukomoka mu gihugu cy'Albaniya arabasangiza ibihe bikomeye by'ukwizera yanyuzemo mu buzima bwe:

„Nkiri muto, hamwe n'umuryango wanjye twavuye mu gihugu cyacu cy'Albaniya, dugungira mu gihugu cy'Ubudage. Twizeraga ko tuzashobora kuhaguma. Gusa ubusabe bwacu bwo guhabwa ubuhunzi bwaranzwe, biba ngombwa ko dusubira mu gihugu cyacu. Ariko indoto zanjye zo kuzajya kwiga mu Budage zagumyeho. Ni uko nza kuhagaruka.

Ibyari byanzanye kwiga, narabitsinze, ariko mu minsi ya nyuma nagize ukwigunga gukabije. Umuryango wanjye wari kure cyane, ariko kandi nagombaga kwihangana kugeza nshoje amasomo. Habayeho iminsi numvaga ntazi icyo ngomba gukora. Nahuriye n'umupadiri mu Kiliziya nasengeragamo wamfashije cyane mu nyigisho yatangaga. Byatumye mugirira icyizere.

Nishyizemo akanyabugabo ni uko musaba ko twahura tukaganira. Yanteze amatwi yitonze, ni uko aranganiriza antera imbaraga mu nzira yanjye. Twagiye duhura kenshi tukaganira. Namusangizaga byose. Igihe cyose iyo nabaga mvuye kuganira na we, nasubiraga mu rugo nuzuye ibyishimo, ndetse no kumva norohewe mu mutima wanjye. Muri njye hongeye kugarukamo ibyishimo byo kubaho."

Twifatanye na Xhesilda, muri nzeri, dutekereze kuri iri jambo rigira riti: *Gira umwete!*

Ku bw'itsinda Meinolf Wacker

---

P.S.: Mutinyuke gusangiza abandi ubunararibonye bwanyu kuri **go4peace App**, mu gice cyitwa **„**Discover & write**"**.